Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga ("MICT") rwashyizweho n'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) nizimara kurangiza manda yazo ruzazisimbure ku byerekeranye n'ububasha, imirimo y'ingenzi, uburenganzira n'inshingano zari zifite.

IFISHI Y'AMAKURU KU RUBANZA

Kugeza ubu, abantu umunani barezwe na TPIR kubera uruhare rwabo muri jenoside yakorewe mu Rwanda mu mwaka wa 1994 ntibarafatwa. Hateganyijwe ko MICT izaburanisha abaregwa batatu bakurikira: Augustin Bizimana, Félicien Kabuga na Protais Mpiranya. Abandi batanu ari bo Fulgence Kayishema, Charles Sikubwabo, Aloys Ndimbati, Ryandikayo na Phénéas Munyarugarama, imanza zabo zoherejwe mu Rwanda. Ladislas Ntaganzwa, na we washakishwaga kandi urubanza rwe rukaba rwaroherejwe mu Rwanda, yafatiwe muri Kongo ku itariki ya 9 Ukuboza 2015.

MICT-12-14

ARASHAKISHWA - ALOYS NDIMBATI

Aloys Ndimbati yari Burugumesitiri wa Komine ya Gisovu muri Perefegitura ya Kibuye, Rwanda, mu gihe ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga.

Umwaka yavutsemo n'aho yavukiye	Mu ntangiriro ya za 50, Komine ya Gisovu, Perefegitura ya Kibuye, Rwanda
Inyandiko y'ibirego	Inyandiko y'ibirego igenderwaho yatanzwe ku itariki 8 Gicurasi 2012
Aho urubanza rugeze	Arashakishwa kuva ku itariki ya 28 Ugushyingo 1995

AMAKURU Y'IBANZE KU RUBANZA

INYANDIKO Y'IBIREGO

Aloys Ndimbati yarezwe muri TPIR jenoside, ubwumvikane bugamije gukora jenoside, guhamagarira abantu mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu, byakorewe muri Komine ya Gisovu, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda kuva muri Mata kugera muri Nyakanga 1994, akaba icyo gihe yari burugumesitiri wa komine.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo ko, ku itariki ya 10 cyangwa iya 11 Mata 1994 cyangwa hafi y'ayo matariki, ahagana saa yine, Ndimbati, akoresheje indangururamajwi, yahamagariye abantu mu ruhame gutsemba Abatutsi.

Bivugwa ko ibyo yabikoze azenguruka mu modoka ya Komine ya Gisovu , aherekejwe n'abaporisi be batanu kandi akurikiwe n'imbaga y'abantu, cyane cyane Interahamwe, zari mu bantu ayo magambo yari agenewe. Bivugwa ko amagambo ya Ndimbati yoheje, yashishikaje akanatera abantu akanyabugabo, bityo akaba yaragize uruhare mu byaha bisobanurwa mu Nyandiko y'ibirego byaje gukorwa muri iyo komine.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo kandi ko, ku itariki ya 14 Mata 1994 cyangwa hafi yayo, mu icumbi ryo ku ruganda rw'icyayi rwa Gisovu, Ndimbati, ari kumwe na Alfred Musema, yategetse kandi yoshya Interahamwe gusambanya ku gahato umugore w'Umututsikazi witwaga Annonciata Mujawayezu no kumwica we n'umuhungu we. Zigendera kuri ayo mabwiriza, Interahamwe zasambanyije ku gahato Annonciata Mujawayezu hanyuma zimwicana n'umuhungu we.

Inyandiko y'ibirego ivuga kandi ko, nyuma y'urupfu rwa Perezida w'u Rwanda, Ndimbati, afatanyije n'abandi, yatangiye kwica Abatutsi muri Komine ya Gisovu. Abatutsi bari batuye mu Bisesero bahunze amago yabo bahungira mu misozi ya Bisesero bizera ko bazirwanaho nibagabwaho ibitero. Bivugwa ko, nyuma y'ibyo, Ndimbati yagabye ibitero kuri izo mpunzi ubudahwema mu gihe cy'amezi menshi, bityo akabicamo ababarirwa mu bihumbi.

Ibyaha aregwa mu Nyandiko y'ibirego ni ibi:

Ikirego kimwe cya Jenoside (Ikirego cya 1)

Ikirego kimwe cy'Ubwumvikane bugamije gukora jenoside (Ikirego cya 2)

Ikirego kimwe cyo Guhamagarira abantu mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora jenoside (Ikirego cya 3)

Ibirego bine by'Ibyaha byibasiye inyokomuntu

- Itsembatsemba (Ikirego cya 4)
- Ubuhotozi (Ikirego cya 5)
- Gusambanya ku gahato (Ikirego cya 6)
- Gutoteza (Ikirego cya 7)

KWIMURIRA URUBANZA MU RWANDA

Ku itariki ya 25 Kamena 2012, Urugereko rwa TPIR rwaburanishije ibyerekeranye no kwimura urubanza rwa Aloys Nadimbati rwategetse ko urubanza rwe rwoherezwa muri Repubulika y'u Rwanda.

Ku itariki ya 7 Gicurasi 2014, Umucamanza umwe rukumbi, Vagn Joensen, yasohoye urwandiko rwo gufata Ndimbati n'itegeko ryo kumwimura bisaba ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumbye kumushakisha, kumufata no kumushyikiriza Ubushinjacyaha Bukuru bwa Repubulika y'u Rwanda.

Icyemezo 1966 (2010) cy'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi, giteganya ko ibihugu byose bifite inshingano yo gufatanya na MICT gushakisha abaregwa, kubafata, kubafunga, kubimura no kubashyikiriza inkiko zigomba kubaburanisha.